**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**TEL: 252533385, Fax: 252533380**
**Email : south@southernprovince.gov.rw**
**Website : www.southernprovince.gov.rw**

**Nyanza, ku wa** 26/09/2018
**N°** 0599/07.02

Madamu Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi
**KAMONYI**

**Impamvu**: Ibyemezo by'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 14 Nzeri 2018

Madamu,

Ibyemezo by'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye ku wa 14 Nzeri 2018, nyuma yo kubisuzuma turabasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Mugire akazi keza.

**MURESHYANKWANO Marie Rose**
**Guverineri w'Intara y'Amajyepfo**

**Bimenyeshejwe**:

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu/**KIGALI**
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi/ **KAMONYI**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kamonyi,** ku wa 14 Nzeli 2018
**N°..........11..................../07.02/08DC**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA KAMONYI**
**B.P. 03 MUHANGA**
**E-mail**: kamonyidistrict@yahoo.fr

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo
**NYANZA**

**Impamvu**: Kohereza Ibyemezo by'Inama Idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yo kuwa 14 Nzeli 2018

Madamu Guverineri,

Nishimiye kubohereza ku mugereka w'iyi baruwa Ibyemezo by'Inama Idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yo kuwa 14 Nzeli 2018.

Ku mugereka w'iyi baruwa murahasanga ibyemezo byafashwe n'urutonde rw'Abajyanama bemeje ibi byemezo.

Mbifurije kubyakira neza.

**MUKANYANDWI Rose**
Umunyamabanga w' Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Madamu Umuyobozi w'Akarere
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere
  **KAMONYI**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**

**AKARERE KA KAMONYI**

**B.P. 03 MUHANGA**

**E-mail: kamonyi@kamonyi.gov.rw**

**IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KUWA 14 Nzeri 2018 N° 017 /2018 DC**

None kuwa gatanu tariki ya 14 Nzeri 2018, mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kamonyi guhera i saa munani n'igice (14h30) habereye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamoyi. Inama yatangijwe n'Umunyamabanga w'inama Njyanama ;aho yibukije Abajyanama ingingo ziri buganirwego arizo:

**1.**Gutora Umuyobozi w'inama

2. Gusuzuma ibaruwa yo kuwa 11/09/2018 **KARURANGA Emmanuel** yandikiye Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yegura ku mpamvu ze bwite ku mwanya w'Umujyanama mu Nama Njyanama no ku mwanya w'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi

3. Gusuzuma ibaruwa yo kuwa 11/09/2018 **NYIRINYANGE Odette** yandikiye Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yegura ku mpamvu ze bwite ku mwanya w'Umujyanama mu Nama Njyanama no ku mwanya w'Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi

Nyuma y'igikorwa cyo gutora uyobora inama; inama yakomeje iyobowe na Bwana KARASIRA Ernest watorewe umurimo wo kuyobora iyi nama.

Umuyobozi w'inama yashimye abajyanama bamugiriye icyizere cyo kuyobora inama akomeza abamenyesha abatitabiriye n'impamvu zabo aribo :

NYONI Lambert: Yitabiriye inama y'akazi

UWAMAHORO Prisca: Ari mu kiruhuko cy'ububyeyi

AKIMANA Latifah: Yagize impamvu z'akazi

**IBYEMEZO BYAFASHWE NYUMA YO KUGANIRA KU NGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA.**

| NO | INGINGO YAGANIRIWEHO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZASHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE | IGIHE ICYEMEZO KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| **I.** | Gutora Umuyobozi w'inama | Abajyanama bamamaje abakandida 2 aribo:<br>KARASIRA Ernest na NIYONSHIMA Josiane;<br>1.Hatowe KARASIRA Ernest nk'Umuyobozi w'inama kubwiganze bw'amajwi menshi 17/21 naho NIYONSHMA Josiane yagize 4/21 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi | 14 Nzeri 2018 |
| **II.** | Gusuzuma ibaruwa yo kuwa 11/09/2018 **KARURANGA Emmanuel** yandikiye Inama Njyanama | 2.Abajyanama bemeje Ubwegure bwa KARURANGA Emmanuel ku mwanya w'Umujyanama mu nama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi no ku mwanya W'Umuyobozi | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi | Nzeri 2018 |



INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI

| NO | INGINGO YAGANIRIWEHO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZASHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE | IGIHE ICYEMEZO KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| | y'Akarere ka Kamonyi yegura ku mpamvu ze bwite ku mwanya w'Umujyanama mu Nama Njyanama no ku mwanya w'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi | w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi; nyuma yo kurebera hamwe ibaruwa yiyandikiye ashingiye ku iteka rya Minisitiri N°002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;akaba yaranditse ko yeguye ku mpamvu ze bwite. | | | |
| **III.** | Gusuzuma ibaruwa yo kuwa 11/09/2018 **NYIRINYANGE Odette** yandikiye Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yegura ku mpamvu ze bwite ku mwanya | 3.Abajyanama bemeje Ubwegure bwa NYIRINYANGE Odette ku mwanya w'Umujyanama mu nama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi no ku mwanya W'Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi; nyuma yo kurebera hamwe ibaruwa | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi | Nzeri 2018 |



INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| NO | INGINGO YAGANIRIWEHO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZASHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE | IGIHE ICYEMEZO KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| | w'Umujyanama mu Nama Njyanama no ku mwanya w'Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi | yiyandikiye agaragaza ko yeguye ku mpamvu ze bwite | | | |
| | **INGINGO ZAGANIRIWE NI :3** | **IBYEMEZO BYAFASHWE BYOSE NI:3** | | | |

Inama yasoje Imirimo yayo isaa cyenda (15h00); Umuyobozi w'Inama ashimira abajyanama bose.

**MUKANYANDWI Rose**
**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

**KARASIRA Ernest**
**Umuyobozi w'Inama**